# UMUSHINGA W'INGUFU Z'AMASHANYARAZI WA RUSUMO

(BURUNDI, RWANDA NA TANZANIA)

## IFISHI Y'IBISOBANURO



NILE BASIN INITIATIVE
Initiative du Bassin du Nil

BURUNDI RWANDA TANZANIA

www.nilebasin.org

www.rusumoproject.org


BURUNDI, RWANDA, AND TANZANIA


# REGIONAL RUSUMO FALLS HYDROELECTRIC PROJECT

- PROJECT HYDROPOWER FACILITY
- PROJECT TRANSMISSION LINES
- PROPOSED HYDRO STATIONS
- PROPOSED SUBSTATIONS
- PROPOSED TRANSMISSION LINES
- EXISTING TRANSMISSION LINES
- EXISTING HYDRO STATIONS
- EXISTING DIESEL POWER STATION
- IMPORTANT WETLAND AREAS
- NATIONAL PARKS, WILDLIFE RESERVES AND PROTECTED AREAS
- MAIN ROADS
- CITIES
- NATIONAL CAPITALS
- INTERNATIONAL BOUNDARIES

GSDPM Map Design Unit

This map was produced by the Map Design Unit of The World Bank. The boundaries, colors, denominations and any other information shown on this map do not imply, on the part of The World Bank Group, any judgment on the legal status of any territory, or any endorsement or acceptance of such boundaries.



# IRIBURIRO

Umushinga mpuzamahanga w'ingufu wa Rusumo ni umushinga ufite akamaro gakomeye kuri za miliyoni z'abaturage b'ibihugu biwuhuriyeho ari byo : UBurundi, URwanda na Tanzania.

Uyu mushinga wakoze ubushakashatsi bugamije kureba niba unoze, burimo Inyingo ku ngaruka wagira ku baturage no ku bidukikije, na Gahunda yo Kwimura abantu. Izo nyigo zakozwe ku buryo bunonosoye burimo n'imishyikirano n'abatuye mu gace umushinga uzakoreramo. Izo nyigo zombi zakozwe ku buryo zubahiriza amategeko y'ibihugu bifatanije umushinga, n'amategeko mbuzamahanga mu byerekeye kubahiriza umutekano. Byongeye kandi, izo nyingo zashyizwe ku mugaragaro mu bihugu uko ari bitatu, ari byo Tanzaniya, u Burundi n'u Rwanda, ndetse no mu nzu ntangaza amakuru ya Banki y'Isi n'iya Banki Nyafurika itsura amajyambere.

Uyu mushinga ni umwe mu mishinga ikomeye y'ubushoramari yo mu gace k'uburasirazuba bwo hepfo bw'Afurika y'uburasirazuba. Imyiteguro ikomeye yaranze uyu mushinga, kuva ku nyingo igamije gusuzuma niba umushinga unoze kugeza ku nyingo ijyanye n'ishyirwa mu bikorwa byawo, ibyo bigafasha kugabanya ingaruka mbi uwo mushinga washobora kugira mu gihe cyo kuwushyira mu bikorwa.

Uyu mushinga wateguwe mu byiciro bitatu by'igenzi, guhera kuri Gahunda irambuye yo kuwutegura,hanyuma Gahunda yo hagati yo kuwutegura, na Gahunda yo kuwutegura ikurikira inzira y'amazi ; iyi gahunda ya nyuma niyo yatoranijwe kubera ko ariyo ifite ingaruka nke ku bukungu na tekiniki ( ingaruka nke ku baturage no ku bidukikije). Muri icyi gihe, leta z'ibihugu uko ari bitatu ziri hafi kurangiza ibijyanye n'ishyirwa mu bikurwa by'uyu mushinga mbere y'uko imirimo y'ubwubatsi itangira muri 2015.

Imirimo u'ubwubatsi izagira ingaruka zoroheje ku buryo amazi y'umugezi wa Kagera atemba. Izanagira ingaruka ku buhinzi bw'ibishanga muri kilometero eshanu mu majyaruguru y'uruganda mu turere twa Ngara muri Tanzaniya na Kirehe mu Rwanda. Ibyiciro by'ubwubatsi n'imikorere y'umushinga w'amashanyarazi wa Rusumo bishobora kuzagira ingaruka ku miryango 664 muri utwo turere twombi kandi hegitari 249.990 z'ibishanga bihingwa zizabona amazi menshi ku buryo buhoraho. Igice cy'akarere kizahora mu mazi kirimo ahazubakwa urugumero, ikirimo amashyamba kimeza, n'ahari hatuwe.

# IGISHUSHANYO 1: AMAKURU AVUNAGUYE

| | |
|---|---|
| **Aho umushinga uzakorera** | Umushinga uherereye mu gice cy'epho cy'uburasirazuba bw'u Rwanda, ku mupaka w'igice cya ruguru cy'uburasirazuba bwa Tanzaniya, ku ruzi rw'Akagera. |
| **Agaciro** | Umushinga ufite agaciro kangana na miliyoni magana ane na mirongo irindwi ($470M) z'amadolari y'Amerika, kuri ayo miliyoni magana atatu na mirongo ine (US$340 M) zizakoreshwa mu kubaka uruganDa rw'amashanyarazi naho miliyoni ijana na mirongo itatu (S$130M)zizakoreshwa mu kubaka imirongo yo gukwirakwiza amashanyarazi |
| **Abaterankunga** | Uruganda rwi'ngufu n'imirongo yo gukwirakwiza amashanyarazi mu bihugu uko ari bitatu ruzaterwa inkunga na Banki y'isi (umushinga), Banki ny'Afurika itsura amajyambere (imirongo) ndetse n'abandi baterankunga mu bijyanye n'amajyambere, nka KfW na Leta y'Ubuholandi. |
| **Imiterere y'uruganda rw'amashanyarazi** | Gahunda ikurikira inzira y'amazi ( Run of River) (RoR) , ku burebure bwa metero igihumbi Magana atatu na makumyabiri hejuru y'amazi (1,320m asl). |
| **Urugomero** | Nta rugomero ruzubakwa. |
| **Imirongo ikwirakwiza amashanyarazi** | Umurongo ukwirakwiza amashanyarazi ukurikira inzira imwe ufite ubushobozi bwa 220KV – uri ku buso bwa kilometero 161 kmuvuye kurugomero rw'ingufu za'amashanyarazi kugera kuri sous-station y'uBurundi. Undi murongo w'ibirometero 119 uvuye k'uruganda rw'ingufu z'amashanyarazi kugera kuri sous-station y'u Burundi, undi murungo ukurikira inzira ebyiri ku buso bwa kilometero 98,2 uzubakwa muri Tanzaniya. Iyo mirongo ikwirakwiza amashanyirazi izaba ifatanye na rezo z'ibihugu. |
| **Ingaruka z'umushinga igihe cy'iyubaka** | Mu Rwanda, imiryango magane ane mirongo itandatu n'ibiri (462) izagirwaho ingaruka zigaragara, naho muri Tanzaniya imiryango magana abiri n'ibiri (202) niyo izagirwaho ingaruka zoroheje. |
| **Amashanyarazi** | Umushinga uzabyara amashanyarazi angana na 80MW (448GWh/ku mwaka). Mu Burundi, ubwiyongere bw'amashanyarazi buzagera ku gipimo cya 5.4%, (ni ukuvuga abantu ibihumbi magana atanu n'amakumyabiri (520.000), mu Rwanda buzagera kuri 4% (abantu ibihumbi magana ane mirongo itandatu n'abarindwi (467.000), na 0.34 % (abantu ibihumbi ijana mirongo itanu n'icyenda (159.000) muri Tanzaniya. |
| **Uburyo umushinga uzakorwa** | Umwanzuro w'imishyikirano hagati y'abaminisitiri b'ingufu byari bigamije kugera ku bwunvikane ku byerekeye uko umushinga uzakorwa byabaye mu wa 2006. Inyandiko zikubiyemo ibyo biganiro zarangiye muri Mata 2012. Imirimo y'ubwubatsi izatangira mu gihembwe cya mbere 2015, irangire muri 2012 ari nabwo umushinga uzatangira gushyirwa mu bikorwa. |
| **Ba nyirumushinga** | Uburyo/sosiyete ihuriweho n'ibihugu uko ari bitatu igamije gukurikiranira hamwe imikorere ry'uruganda rw'ingufu yamaze gufungurwa. Sosiyete y'ingufu z'amashanyarazi ya Rusumo izaterwa inkunga y'amafaranga na za leta, kandi izaba iya leta ; iyo sosiyete izaba ifite inshingano zo gukurikirana ibikorwa by'uruganda. |
| **Ikigo nshingwa bikorwa** | IBN /NELSAP nicyo kigo nshingwa bikorwa gihagarariye Sosiyete Rusumo Power Company Limited (RPCL). |
| **Inshingano/ikigamijwe** | Inshingano z'umushinga w'ingufu z'amashanyarazi ni ugukemura ikibazo cy'ibura ry'amashanyarazi muri ibi bihugo bitatu byo mu karere ka Kagera, ari byo u Rwanda, Tanzaniya n'u Burundi ; iryo bura ry'amashanyarazi rigira ingaruka mbi k'ubukungu n'iterambere bw'ibyo bihugu no ku mibereho y'abaturage babyo.<br><br>Uyu mushinga uzatanga ingufu zisukuye z'amashanyarazi mu bijyanye n'iterambere n'ubuhahirane byimbitse mu kibaya cya Kagera cyose, kandi umushinga uzafasha mukubungabunga ibidukikije mubiyaga bigari, kuzana iterambere nokurwanya ubukene mubaturage bibi bihugu. |
| **Abagenerwa bikorwa** | Uyu mushinga w'ingufu wa Rusumo uzatanga amashanyarazi angana na 80MW azasaranganywa ku buryo bungana hagati y'ibihugu bizaba bifatira kuri rezo ya buri gihugu nyirizina, binyuze mu mirongo ikwirakwiza amashanyarazi. Buri gihugu kizabona mega watti 26. |

## Igipimo cy'Amashanyarazi muri buri gihugu

Akarere k'Afurika y'Uburasirazuba, karimo ibihugu bihuriweho n'uyu mushinga, kari mu bihugu byo munsi ya Sahara bifite ikigereranyo cy'amashanyarazi kiri hasi cyane. Icyo kigereranyo kingana na 21% muri Tanzaniya, 16% mu Rwanda na 10% mu Burundi. Iki kigereranyo ntikinyuranye cyane n'icyo mu gihugu k'ikivandimwe cya Uganda (10%) n'icya Kenya (15%). Birakwiye kumenya ko igihugu cyaTanzaniya aricyo gifite ifite umubare munini cyane w'imiryango itagira amashanyarazi, igera kuri miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana abiri (7,2M), cyigakurikirwa na Kenya ifite miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana abiri (6,2M), Uganda ifite miliyoni eshanu n'ibihumbi magana atanu (5,5M), U Rwanda rufite miliyoni imwe n'ibihumbi magana arindwi (1,7M, n'u Burundi bufite miliyoni imwe n'ibihumbi magana ane ( 1,4M).

Impuguke mu bijyanye no kwandika no gusesengura imishinga zerekanye ko umushinga mpuzamahanga w'ingufu z'amashanyarazi wa Rusumo uzafasha kugabanya gukoresha inkwi mu gucana, kuko abantu benshi batuye mu byaro b'ibi bihugu uko ari bitatu bakomeje gukoresha cyane amakara cyangwa inkwi mu gucana, bagira amashanyarazi cyangwa batayagira.

# ABAFITE URUHARE MU MUSHINGA W'INGUFU Z'AMASHANYARAZI WA RUSUMO

**Rusumo Power Company Limited (RPCL/SPV):** Umushinga w'ingufu wa Rusumo ni umushinga w'ibihugu bitatu, ari byo Tanzaniya, u Burundi, n'u Rwanda. Sosiyete Rusumo Power Company Limited (RPCL) ni isosiyete yashowemo imari n'ibyo bihugu, ariko ikazacungwa nka sosiyete yigenga. Iyi sosiyete izaba ifite inshingano zo gukurikirana imikorere y'uruganda rw'amashanyarazi, ndetse no gukurikirana inyubako n'umushinga nyrizina.

Ibigo bifite amashanyarazi mu nshingano zabyo muri biriya bihugu uko ari bitatu bizaba bifite inshingano zo gukurikirana no kubaka imirongo yo gukwirakwiza amashanyarazi, no gukurikirana Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa yo kwimura abantu.

**Banki y'isi:** Iyi banki izatera inkunga y'amafaranga uruganda rw'amashanyarazi ingana na miliyoni magana atatu na mirongo ine z'amadolari y'Amerika US$340 M). Mu biteganijwe, aya mafaranga azaba ahagije mu gushyiraho uruganda, akazagabanywa ku buryo bungana ibihugu uko ari bitatu, buri gihugu kikazahabwa miliyoni ijana na cumi n'eshatu n'ibihumbi magana atatu by'amadolari y'abanyamerika (US$ 113.300) azakoreshwa mu kubaka uruganda. U Burundi buzahabwa iimpano, naho k' u Rwanda 50% zizaba ari impano naho 50% zizaba ari inguzanyo ; 100% y' inkunga Tanzaniya izahabwa izaba ari inguzanyo. Uyu mushinga wujuje ibya ngombwa bisabwa na Banki mu bijyanye n'umutekano nyuma y'aho Banki yemereye Inyigo ku ngaruka ku baturage n'ibidukikije ndetse na Gahunda yo kwimura abantu. Banki yashyize ahagaragara iyo inyigo n'iyo gahunda , biboneka mu muyoboro wayo wa interineti no mu cyumba cy'ayo cy'amakuru no ku muyoboro wa interineti wa NELSAP : *http://www.nilebasin.org/newnelsap/index.php?option=com_content&view=article&id=62&Itemid=99&lang=en*

Banki y'Isi iranasaba umushinga impushya na za seritifika zitangwa n'ibigo bifite ibidukikije mu nshingano zayo mu bihugu uko ari bitatu. Ibi bizakorwa mu buryo bukurikiza amategeko. Izo seritifika zamaze kuboneka bemerera ko urugomero rw'amashanyarazi rwubakwa. Impushya z'imiyoboro (T.lines) nazo zarasabwe.

Banki irasaba kandi umushinga kumenyesha ibi byose ibihugu biwuturiye ; byamaze gukorwa. Misiri, Sudani, Sudani y'epfo na Kenya byatanze inyandiko zemeza ko bitabangamiwe n'ibikorwa byo kubaka umushinga w'ingufu z'amashanyarazi wa Rusumo.

Sosiyete ishinzwe ubwubatsi na ba Rwiyemezamirimo: Ibikorwa byoguha akazi sosiyete ishinzwe gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi byararangiye. Sosiyete mpuzamahanga AECOM/ARTELIA ikomoka muri France na Canada nibo batsindiye ako kazi. Iyi Sosiyete izasohora raporo uko akazi kokubaka urugomero kazakorwa bitarenze 2014. Amasosiyete mpuzamahanga afite uburambe yerekanye ubushake bwo gukora uyu mushinga anatanga amadosiye yo gupiganirwa umwanya w'ushinzwe gukurikirana inyubako (Consultant). Ayo masosiyete ni aya akurikira : Energy INFRATECH – yo mu Buhinde, SWECO/MOTT MACDONALD – yo mu bwongereza, EDF/Lahmeyer- yo mu Budage, TRACTEBEL/SOFRECO – yo mu Bufaransa, FICHNER GMBH CO & KG – yo mu Budage na AECOM/ ARTELIA – yo muri Canada/France.

Guhitamo Rwiyemezamirimo uzubaka urugomero bizakorwa na sisiyete ishinzwe gukurikirana ubwubatsi ubu yatangiye akazi. AECOM/ ARTELIA na Rwiyemezamirimo bafite inshingano zo kunoza gahunda nshya yokubaka urugomero (ROR).

Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (BAD): Inama nkuru ya BAD yateranye ku itariki 27th Ugushyingo 2013, yemereye umushinga w'amashanyarazi wa Rususmo inkunga ingana $113m. Iyi nkunga izakoreshwa kubaka imiyoboro (transmission lines) y'amashanyarazi. Umushinga wujuje ibisabwa na Banki bijyanye n'umutekano, cyane cyane ku byerekeye imirongo ikwirakwiza amashanyarazi, kubera ko Banki ariyo izatanga inkunga yo kubaka iyo miyoboro uko ari itatu ituruka kuri sous-station ya Rusumo kugera mu bihugo bitatu twavuze hejuru, aribyo Tanzaniya (98.2 km), u Burundi (161km) n'u Rwanda (119km). Inkunga izaba igenewe kubaka sous-stations z'imirongo ikwirakwiza amashanyarazi muri buri gihugu. Banki yashyize ahagaragra inyandiko EISE na PAR zijyanye n'imirongoikwirakwiza amashanyarazi nk'ubo bisabwa kugirango ihe inkunga uyu mushinga. *http://www.afdb.org/fileadmin/uploads/afdb/Documents/Project-and-Operations/Rwanda%20-%20Scaling%20Up%20Energy%20Access%20Project%20-%20Appraisal%20Report.pdf*

Abandi baterankunga bagaragaje ubushake nokwifuza gutera inkunga umushinga wa Rusumo barimo: Ikijega cy' Abadage KfW, Banki y' uburayi iter' inkunga amajyambere (EIB), Ishyirahamwe ry'Uburayi (EU) n' ikigega cy' abafaranza (AFD).

Ikigo Mpuzamahanga Gitsura Amajyambere cy'abany'Amerika (USAID): Icyi kigo cyerekanye ubushake bwo gufasha uyu mushinga kinatanga umusanzu muri misiyo ya Banki y'isi yo kwiga imiterere yawo. Icyi kigo cyagaragaje ko cyishimiye ubufatanye muri uyu mushinga kuko ugamije gutanga ingufu z'amashanyarazi zisukuye. Igihe icyemezo cyo gutatanya n'abandi baterankunga muri uyu mushinga kizaba cyafashwe, USAID yerekanye ubushake bwo gufasha mu bijyanye no kongera ubushobozi bw'abakozi.

Leta z'u Burundi, u Rwanda na Tanzaniya : Buri leta y'u Burundi, u Rwanda naTanzaniya izahabwa miliyoni ijana na cumi n'eshatu n'ibihumbi magana atatu z'amadolari y'Amerika ( $ 113,30M) nk'uko byagaragajwe hejuru. Aya mafaranga azaba angana n'inkunga ya buri gihugu k'ubwubatsi bw'uruganda rw'amashanyarazi.

## IGISHUSHANYO 2: INYANDIKO Z'UMUSHINGA MU MAGAMBO AHINNYE

| INYANDIKO Z'UMUSHINGA WA RUSUMO | ZATEGUWE NA |
|---|---|
| Isuzuma ry'Ingaruka ku mibereho y'abaturage no ku bidukikije (EISE) | Artelia Eau and Environnement Ltd - Canada/France |
| Gahunda yo kwimura abantu (PAR) | Artelia Eau and Environment Ltd – yo mu Bufaransa |
| Gahunda y'imishyikirano no kuyishyira ku mugaragaro (PCPP) | IBN/Programme d'Action Subsidiaire des Lacs Equatoriaux du Nil (NELSAP) |
| Gahunda yo gukurikirana udukoko (PGI) | IBN/Programme d'Action Subsidiaire des Lacs Equatoriaux du Nil (NELSAP) |
| PRCR –Imirongo ikwirakwiza amashanyarazi muri Tanzaniya -220 kv – ku bilometero 98.2 | FICHNER Consultants – yo mu Budage |
| PRCR – Imirongo ikwirakwiza amashanyarazi mu Burundi - 220kv – ku bilometero 161 | FICHNER Consultants - yo mu Budage |
| PRCR – Imirongo ikwirakwiza amashanyarazi mu Rwanda - 220kv – ku bilometero 119 | FICHNER Consultants - yo mu Budage |
| Gahunda yo Kwimura abantu (RAP) kugirango hashyirweho imirongo ikwirakwiza amashanyarazi igera kuri PRCR | FICHNER Consultants - yo mu Budage |
| Gahunda yo guteza imbere akarere umushinga uzakoreramo (PDZL) | IBN/NELSAP |
| Indi nyigo ku ngaruka ku batuye munsi y'akarere k'umushinga | IBN/NELSAP) |

Isuzuma ry'ingaruka ku mibereho myiza n'ibidukije(EISE) na Gahunda yo kwimura abantu (PAR) byanyuze mu isuzuma rinoze kandi rifite ibimenyetso bifite ireme. Izo raporo zombi zerekana zimwe mu ngaruka nk'uko bigaragara mu gishushanyo 1 kiri hejuru. Ariko kandi, izi raporo zitanga uburyo bugaragara, bwemewe kandi buhagije bwo kugabanya ingaruka ndetse n'ubundi buryo bwafasha abaturage babangamiwe n'umushinga kwibeshaho.

Raporo ziri mu magambo ahinnye (EISE et RAP) zahinduwe mu Gifaransa no mu Giswhihi ( uru nirwo rurimo abaturiye umushinga bavuga) kugirango bunve neza ibikubiyemo (igiswahili ku baturage ba Tanzaniya n'igifaransa ku baturage b'u Burundi n'u Rwanda).

### Imishyikirano n'abaturage babangamiwe n'umushinga

Abantu bose babangamiwe n'umushinga (664) mu rwego rwa gahunda ikurikira inzira y' amazi (RoR) yatoranijwe batuye hejuru y'uruganda rw'amashanyarazi mu kibaya cy'uruzi rw' Akagera. Nk'uko Gahunda y'imishyikirano no gushyira ahagaragara imiterere y'umushinga ibigaragaza,habaye imishyikirano hagati y'abahagariye umushinga n' abantu barenga ibihumbi icyenda babangamiwe n'umushinga, hagati ya Nyakanga 2011 na Gashyantare 2012. Ibi byakozwe mu rwego Rwa Gahunda yuzuye (PDC) na Gahunda yo hagati (PDI) yo gushyiraho umushinga. Kubera ko gahunda yahindutse ikava kuri Gahunda yuzuye ikajya kuri gahunda ikurikira inzira y' amazi, ingaruka ku baturage zaragabanutse cyane. Imiryango yose uko ari 664 yo mu Rwanda no muri Tanzaniya iregerwa ikaganirizwa buri gihe. Imishyikirano noguhabwa amakuru kubazagerwaho n'ingaruka bizakomeza kugera igihe imirimo y'ubwubatsi izatangirira, ibi bikaba bijyanye n'imikorere myiza ku rwego mpuzamahanga no kw'ihame OP 4.12 rya banki y'isi rijyanye no kwimurwa bitari biteganyijwe.



© NELSAP-RUSUMO

Nyakanga, 2014

BURUNDI RWANDA TANZANIA

www.rusumoproject.org

www.nilebasin.org